

Gupima Umwana wawe Lead

Icyo ukwiye kwitega mu gihe cyo guhura na muganga

Urupapuro rurimo inama
kuri Lead#1



Ikizamini cyo kureba ko mu maraso harimo lead ni bwo buryo bwonyine bwo kumenya ko umwana wawe afite lead

Ibitambambuga bifite umwaka 1 n'imyaka 2 ni byo bikunze kwanduzwa na lead. Abana bato bashobora kwinjiza umukungugu wa Leadlead cyangwa udusate tw'irangi dukomoka kuri lead mu mibiri yabo kubera ko kenshi bashyira intoki zabo, ibikinisho cyangwa ibindi bintu mu kanwa. Banakinira kandi ahantu lead ishobora kuba iri – nko hasi no hafi y'igice gifashe idirishya Lead yakoreshwaga mw'irangi. Irangi rigurwa uyu munsu ntiriirimo lead Inzu zishaje ziracyafite irangi ririmo lead. Umukungugu uva mu irangi rya kera ni uburyo rusange buruta ubundi abana bahuramo n'uburozi bwa lead.

Pima umwana wawe ubumara bwalead ufite kuva umwaka 1 n'imyaka 2.

Maine isaba ko abana bapimwa ubumara bwalead bafite umwaka 1 n'imyaka 2. Vugana na muganga wawe ku kizamini cya lead mu maraso y'umwana wawe.

Abana bafite imyaka 3 kugeza kuri 6 nabo bashobora gukenera gukorerwa ikizami cyalead mu maraso

Ababyeyi bashobora gusaba abaganga babo gukorera abana babo ikizamini cyalead Fata icyemezo cyo gukoresha ikizamini cyalead niba kimwe muri ibi bikurikira bikureba n'umuryango wawe.

- Umwana wanjye ntiyigeze akorerwa ikizamini.
- Ahantu ntuye hubatswe mbere ya 1950.
- Ahantu ntuye hubatswe mbere ya 1978, kandi inzu yanjye iherutse gusanwa.
- Umuntu ubana na njye ashobora kugira aho ahurira nalead mu kazi ke. Ingero: abasiga amarangi amazu, abubatsi, abahindura ibyuma.
- Umwana wanjye afite umuvandimwe w'umuhungu, mushiki we cyangwa umuturanyi wigeze kugirwaho ingaruka z'uburozi bwa lead.
- Umwana wanjye cyangwa njye twavukiye mu kindi gihugu.
- Akenshi umwana wanjye aba ari kumira ibintu bitari ibyo kurya, cyangwa akaruma igice cyo hasi cy'ikidishya.

Ikizamini cyo kureba lead mu maraso gikorwa gute?

Ikizamini gikorwa umwana gishobora gukorwa ku rutoki cyangwa kw'ino (ikizamini cyo mu dutsi) cyangwa havomwa amaraso mu mutsi (ikizamini cyo mu mutsi).



Ikizamini cy'umutsi (Ukuboko)



Ikizamini cy'udutsi (urutoki)

Bimwe mu bizamini by'ubumara bwa lead bihita bikorerwa mu biro bya muganga. Abaganga bamwe bashobora kuguha ifishi yo muri laboratwari kugira ngo ikizamini cy'amaraso gikorwe muri laboratwari. Jyana aka gapapuro muri laboratwari umwana wawe ajya gukorerwamo ikizami cya lead

Icyo wakora nyuma y'ikizami cya lead mu maraso?

Saba muganga wawe ibisubizo. Niba ikizamini cy'udutsi kiri hejuru, umwana wawe azakenera ikizamini cyo mu mutsi kuko ari cyo gitanga ibisubizo nyakuri. Iyo ikizamini cyo mu mutsi kiri hejuru, Itsinda rya Maine rishizwe gukumira uburozi bwa lead mu bana rizakorana na we mu kumenya icyatumbye uburozi bwalead buba buri ku kigero cyo hejuru mu maraso y'umwana wawe. Kurikirana ibizamini bigamije kureba lead mu maraso kugira ngo ukore ku buryo urugero rwa lead yo mu maraso y'umwana wawe rugabanuka.

Rinda umuryango wawe.

- Reba uru rubuga: maine.gov/healthyhomes
- Hamagara usabe inama: **866-292-3474** • TTY: **Hamagara Numero ihamagarwa n'abafite ubumuga muri Maine 711**

